**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kamonyi,** ku wa 30 Nzeli 2019
N°.......0.10........./07.02/08DC

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA KAMONYI**
**B.P. 03 MUHANGA**
**E-mail:** kamonyi@kamonyi.gov.rw

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo
**NYANZA**

**Impamvu** :Kohereza Ibyemezo by'inama y'inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 26 Nzeli 2019

Bwana Guverineri,

Nishimiye kuboherereza ku mugereka w'iyi baruwa Ibyemezo by'inama y'inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Kamonyi yateranye kuwa 26 nzeli 2019

Mbifurije kubyakira neza.

30/09/19

**NYONI E. Lambert**
Perezida w'Inama Njyanama y' Akarere ka **KAMONYI**

**Bimenyeshejwe :**
Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **MINALOC**
**KIGALI**
Madamu Umuyobozi w'Akarere
**KAMONYI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
B.P. 03 MUHANGA
E-mail: kamonyi@kamonyi.gov.rw

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 26 NZELI 2019 No 24 /2019 DC**

None ku wa kane tariki ya 26 Nzeli 2019, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kamonyi guhera saa tatu zuzuye (9h00), habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka kamonyi iyobowe na Perezida wayo Bwana **NYONI E.Lambert**. Mu gutangiza iyi nama Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimiye abitabiriye inama; yakomeje agaragaza umujyanama utitabiriye inama n'impamvu ze ariwe :

1.UWAMAHORO Prisca: Ararwaye.

Yibukije kandi ingingo ziri buganirwego arizo:

1.Kwemeza inyandikomvugo z'inama ziheruka

2.Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama

3.Kurebera hamwe raporo za komite ngenzuzi

4.Kwemeza imigabane Akarere ka Kamonyi kazagura muri Hotel gahuriyeho n'Uturere twa Ruhango na Muhanga.

5.Kwemeza ibiruhuko by'abagize Komite Nyobozi

6. Ibindi

IBYEMEZO BYAFASHWE NYUMA YO KUGANIRA KU NGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

| No | INGINGO ZAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| I. | Kwemeza inyandikomvugo z'inama ziheruka | 1.Abajyanama bemeje Inyandikomvugo y'inama isanzwe yo kuwa 14.06.2019 n'inyandikomvugo y'inama idasanzwe yo kuwa 28.06.2019 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Nzeli 2019 |
| II. | Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama | Abajyanama bamze kugezwaho raporo z'amakomisiyo :<br>A.**MURI KOMISIYO Y'UBUKUNGU** bemeje ko:<br>**2.** Komite Nyobozi izandikira NSENGIMANA Isaac imumenyesha ko ubutaka yabuguze n'uwihaye ubutaka | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Komite Nyobozi y'Akarere | Ukwakira 2019 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | bw'Akarere akaba yajyana ikibazo cye mu nkiko.<br>**3.** Abajyanama bemeje urutonde rw'imitungo y'Akarere iri k'umugereka w'ibi byemezo yavanwa mu cyamunara n'imitungo ivanwa mu mutungo w'Akarere itagifite umumaro.<br><br>**4.** Abajyanama bemeje ibiciro by'ingendo bishya (mu Karere no hanze y'Akarere) nk'uko biri k'umugereka w'ibi byemezo.<br>**5.**Abajyanama bemeje ko abaturage bunganirwa mu kugura ibikoresho byo kuhira :<br>- icyiciro cya 1 n'icya 2 bazishyurirwa 75%bo biyishyurire 25%<br>- Icyiciro cya 3 n'icya 4 bishyurirwe 50%nabo biyishyurire 50% | bi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Ukwakira 2019 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | **6.**Abajyanama bemeje ko Abaturage basonerwa ibihano n'inyungu z'ubukererwe ku birarane by'umusoro w'ubutaka kuva 2012 kugera Ukuboza 2018;bityo bakishyura umusoro bagombaga kwishyura gusa kandi bagasabwa kwishyura bitarenze 31 Ukuboza 2019<br><br>**7.** Abajyanama bemeje ko Komite Nyobozi yasuzuma neza uko ibyangombwa by'ubutaka bwa NIZIGIYIMANA Antoine byagiye bihinduka mu gishushanyo mbonera bikazagarukwaho mu nama njyanama itaha<br><br>**B. MURI KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA**<br><br>**8.** Abajyanama bemeje ko Akarere kategura amarushanwa y'umupira w'amaguru mu rwego rwo guteza | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | imbere siporo | | | |
| III. | Kurebera hamwe raporo za komite ngenzuzi | **9.**Abajyanama bemeje ko Komite Nyobozi ifatira ibihano abakozi bagaragaweho n'amakosa y'imicungire mibi y'imari ya Leta muri raporo z'ubugenzuzi bwakoze 2018-2019 | | | |
| IV. | Kwemeza imigabane | **10.** Abajyanama bemeje ko Akarere ka Kamonyi kandikisha imigabane **25** fatizo ihwanye na | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | Akarere ka Kamonyi kazagura muri Hotel gahuriyeho n'Uturere twa Ruhango na Muhanga. | miriyoni mirongo itanu (50.000.000frw) muri Hotel gahuriyeho n'Uturere twa Ruhango na Muhanga. | | | |
| V. | Kwemeza ibiruhuko by'abagize komite Nyobozi y'Akarere | **11.Abajyanama** bemeje ko **Umuyobozi w'Akarere** madamu **KAYITESI Alice** azafata ikiruhuko cy'iminsi 15 kuva kuwa 15 kugera 30 ugushyingo 2019 indi minsi 15 akazayifata Nyakanga 2020<br>- Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu **bwana TUYIZERE Thaddee** azatangira ikiruhuko cy'umwaka wa 2019-2020 kuva kuwa 15 Mutarama 2020 kugera kuwa 13 Gashyantare 2020 | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | -Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza **madamu UWAMAHORO Prisca** azatangira ikiruhuko cy'umwaka wa 2019-2020 kuva tariki 01 Ukwakira 2019 kugera tariki 30 ukwakira 2019 | | | |
| VI. | IBINDI<br>-Icyumweru cy'Umujyanama<br>- Ubusabe bw'Umugenzuzi usaba kwimurira Kamonyi | **12.**Abajyanama bemeje ko icyumweru cy'Umujyanama kizatangira tariki 09 Ukwakira 2019 kigasozwa tariki 26 ukwakira 2019<br>**13.** Abajyanama bemeje ko Komite nyobozi yakemera ubusabe bw'Umugenzuzi bwite w'Akarere ka Ruhango witwa **MUSONERA Metusalemu** akimukira mu Karere ka Kamonyi | Icyi cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama bose | Komite Nyobozi | Ukwakira 2019 |
| | **INGINGO ZAGANIRIWEHO NI :6** | **IBYEMEZO BYAFASHWE BYOSE NI: 13** | | | |

Inama yasoje Imirimo yayo saa sita zuzuye (12h00); Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abajyanama ku bitekerezo byiza batanze.

| | |
|---|---|
| MUKANYANDWI Rose | NYONI E.Lambert 30/09/19 |
| Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Perezida w'Inama Njyanama |